No 244 February 2023



# MAKURU KI MU IHURIRO RY'IGIHUGU RY'IMITWE YA POLITIKI MU RWANDA

## URUBYIRUKO RW'U RWANDA RUKWIYE KWIGISHWA POLITIKI N'IMIYOBORERE KUGIRA NGO RWITEGURE INSHINGANO Z'UBUYOBOZI, GUSIGASIRA IBYAGEZWEHO NO GUTEZA IMBERE U RWANDA

Ibi ni ibyagarutswe mu nama nyunguranabitekerezo k'uruhare rw'urubyiruko mu miyoborere y'u Rwanda: gusigasira ibyagezweho n'uburyo byaramba.




Tariki ya 03 Gashyantare 2023, Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki ryateguye Inama nyunguranabitekerezo k'Uruhare rw'urubyiruko mu miyoborere y'u Rwanda: gusigasira ibyagezweho n'uburyo byaramba.

Iyi nama yahuje abantu banyuranye barimo: abayobozi mu Nzego za Leta, Abayobozi b'Imitwe ya Politiki iri mu Ihuriro, abashakashatsi, urubyiruko, abanyamadini, n'abandi. Inama yabereye muri Lemigo Hotel iri mu Mujyi wa Kigali, yitabirwa n'abantu 180.

Mu ijambo ry'ikaze, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro, **Bwana GISAGARA Theoneste**, yibukije ko iyi nama isanzwe iba buri myaka ibiri, ariko kubera ibihe byo guhangana n'icyorezo cya Covid 19, Ihuriro ritabashije kuyitegura mu myaka ibiri ishize. Yavuze ko icyifuzo cy'Ihuriro ari uko iyi nama yaganira ku buryo bwimbitse ku nyigisho za politiki zikwiye



**Bwana GISAGARA Theoneste**
**Umunyamabanga Nshingabikorwa w'Ihuriro**

guhabwa urubyiruko rw'u Rwanda, kugira ngo rurusheho kumva uruhare rwarwo mu miyoborere y'u Rwanda, rugasobanukirwa uburemere bw'inshingano zo kuyobora, rukazitegura, kandi rugaharanira ko ibyagezweho byakomeza gutera imbere, uwo murage ukazaramba igihe kirekire. Yasoje asaba urubyiruko rwatumiwe gukurikira neza ibiganiro, rukaganira n'inararibonye muri politiki y'u Rwanda (abayobozi n'ababyeyi) bakabaha impanuro zibafasha gukomeza kwitegura no kwitabira kujya mu bikorwa bya politiki ari nako bitegura kuba abayobozi beza, bazira ikintu icyo ari cyo cyose kiganisha kuri politiki mbi yashenye u Rwanda.

Mu ijambo ritangiza inama, Umuvugizi w'Ihuriro, **Depite UWANYIRIGIRA Gloriose**, yashimiye abayitabiriye yibutsa ibyaganiriweho mu nama zabanje, avuga ko umwihariko w'inama y'uyu mwaka wa 2023 ari ukuganira k' **Uruhare rw'urubyiruko mu miyoborere y'u Rwanda: gusigasira ibyagezweho n'uburyo byaramba.** Yavuze ko iyi nama igamije ibi bikurikira:




**Depite UWANYIRIGIRA Gloriose**
**Umuvugizi w'Ihuriro**

1. Kugaragaza uko urubyiruko rwa mbere y'ubukoloni rwategurwaga mu rwego rwa politiki, inyigisho rwahabwaga, n'amasomo twakuramo tubona yagira akamaro no muri iki gihe, kugira ngo uwo murage tuwubakireho;
2. Kugaragaza ibibazo urubyiruko (rw'u Rwanda) ruhura nabyo birubuza kwitabira no kugira uruhare rugaragara mu miyoborere y'Igihugu, impamvu zitera ibyo bibazo, n'amahirwe ahari yafasha urwo rubyiruko kubirenga;
3. Gutekereza ku nyigisho za politiki zikwiye guhabwa urubyiruko, hashingiwe ku cyerekezo politiki cy'u Rwanda, kugira ngo urubyiruko rurusheho gusobanukirwa uruhare rwarwo mu miyoborere y'u Rwanda, rusigasire ibigenda bigerwaho, kubiteza imbere no gutuma biramba.

Ibiganiro byo muri iyi nama, byibanze ku mitegurire y'urubyiruko rw'u Rwanda kuva mu gihe cya cyera, harebwa inyigisho zahabwaga urwo rubyiruko. Inama kandi yaganiriye ku bibazo byugarije urwo rubyiruko birubuza kugira uruhare no kwitabira kujya mu bikorwa bya politiki n'igikwiye gukorwa. Ikindi inama yaganiriyeho ni inyigisho za politiki zikwiye guhabwa urwo rubyiruko kugira ngo rurusheho kwitegura kuzayobora u Rwanda, gusigasira ibyagezweho n'uburyo byaramba. Inama kandi yatanze inama ku buryo Ishuri ry'Ihuriro ryigisha politiki n'imiyoborere (Youth Political Leadership Academy / YPLA) ryanoza inyigisho riha urubyiruko rwo mu Mitwe ya Politiki.

Nyuma y'ibiganiro, hatanzwe ibitekerezo bigari bikurikira:



- Gukomeza kwigisha urubyiruko rw'u Rwanda indangagaciro zo gukunda Igihugu, kukirinda, no kugiteza imbere, kandi byose bigakoranwa umutima w'ubwitange n'ikinyabupfura (discipline) kuko ari byo byaranze zimwe mu ntwari z'u Rwanda, haba mbere y'ubukoloni haba no mu rugamba rwo kubohora u Rwanda;
- Kongera imbaraga mu masomo y'uburere mboneragihugu, ababyeyi bakarushaho kugira uruhare mu burere bw'abana mu miryango, no muri sosiyete muri rusange; ubwo burere bukuzuzwa n'ubumenyi abana bahabwa mu mashuri kandi itangazamakuru rikarushaho kwifashishwa mu gutambutsa izo nyigisho, hakoreshejwe uburyo bworohera urubyiruko (Social Media n'ibindi);
- Gushyira imbaraga mu kwigisha urubyiruko ibirebana na politiki n'imiyoborere, rugasobanukirwa politiki icyo ari cyo n'akamaro kayo, rugakura rwumva ko politiki ari ubuzima bw'Igihugu ko ari yo itanga Icyekerezo (Vision) kigari cy'aho Igihugu cyifuza kugera mu gihe kirekire, ko kandi nta bandi bazatuma ibyo bigerwaho uretse rwo, kuko ari bo mbaraga z'Igihugu, rukaba umusemburo w'impinduramatwara;
- Gutegura ibiganiro byajya bihuza abakuru n'urubyiruko (cyane cyane abanyapolitiki, abayobozi mu nzego zinyuranye) bakaganira ku rugendo rwabo mu buzima bwa politiki kuva bakiri bato, kugeza aho bageze. Bakagira urubyiruko inama z'uburyo bakwiye kwitwara no kwitegura inshingano zo kuyobora no guteza imbere abo bayobora;
- Guhuza ba rwiyemezamirimo biteje imbere mu rwego rw'ubukungu, bakaganira n'urubyiruko kugira ngo babashishikarize gukora, kwihangira umurimo, cyane cyane uburyo bakoresha ikoranabuhanga mu bikorwa bibabyarira inyungu, bakivana mu bukene;
- Gukomeza gushyigikira ishuri ry'Ihuriro ryigisha Politiki n'imiyoborere (Youth Political Leadership Academy / YPLA), kugira ngo rikomeze gufasha Imitwe ya Politiki n'Igihugu muri rusange gutegura abayobozi bazayobora Imitwe ya Politiki n'Igihugu, basobanukiwe Icyerekezo cy'u Rwanda kandi bazakomeza guteza imbere demokarasi ishingiye ku bitekerezo bya politiki binyuranye, bishyira imbere ubwumvikane, ubworoherane n'Ubumwe bw'Igihugu.

Hatanzwe inama ko Leta ikwiye gutekereza ku buryo abajya mu myanya y'ubuyobozi bajya babanza guhabwa inyigisho z'ibanze zirebana na politiki n'imiyoborere kugira ngo bibafashe gusobanukirwa umurongo n'Icyerekezo cy'Igihugu, bumve uburemere bw'inshingano bahawe, n'uburyo bazitwaramo neza ku nyungu rusange z'Igihugu, bagakorera Abanyarwanda kandi bakabaha serivisi nziza.

# AMAHUGURWA KU NTEKEREZO, AKAMARO N'IMIKORERE BYA PANAFRICANISM MOVEMENT NA GAHUNDA ZIYISHAMIKIYEHO



Tariki ya 24 gashyantare 2023, Ihuriro ry'igihugu nyuguranabitekerezo ry'imitwe ya politiki n'Umuryango Panafrican movement ishami ry'u Rwanda (PAM Rwanda) bateguye amahugurwa ku ntekerezo, akamaro n'imikorere bya panafrican movement na gahunda ziyishamikiyeho. Akaba yarateguwe muri gahunda y'amahugurwa nyogerabumenyi agenewe abagize Komisiyo y'Imitwe ya Politiki muri PAM Rwanda. Amahugurwa akaba yari agamije muri rusange kongerera ubumenyi imboni za PAM mu Mitwe ya Politki kugira ngo zisobanukirwe icyo uyu muryango ari cyo, imikorere yawo na gahunda ziwushamikiyeho. Atangiza aya mahugurwa, Umuvugizi w'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki, **Depite Gloriose UWANYIRIGIRA**, ya-



vuze ko amahugurwa agamije:

- Gusobanukirwa amavu n'amavuko ya PAM n'intego zayo;
- Gusobanukirwa imikorere ya Panafrican Movement/Rwanda Chapter: inzego, imikorere, ibyagezweho n'ibiteganyijwe kugerwaho;
- Gusesengura no gusobanukirwa ibibazo byugarije Afurika bituruka ahanini ku murage mubi w'ubukoloni n'ingamba zo kubikemura;
- Gusobanukirwa inshingano n'uruhare rw'abagize Komisiyo y'Imitwe ya Politiki mu gufasha PAM/Rwanda chapter kugera ku nshingano zayo.

Yakomeje agira ati *"Umuryango Panafrican Movement uharanira ubumwe, agaciro no kwigira kwa Afurika n'Abanyafurika. Abawugize bashishikarizwa guteza imbere indangagaciro z'ubunyafurika no kugera ku bwigenge nyakuri."* Yasoje asaba Ihuriro n'Imitwe ya Politiki irigize kugira uruhare rugaragara mu bukangurambaga ku mikorere y'uyu muryango n'akamaro kawo bahereye mu mitwe ya politiki babarizwamo abayoboke bayo bakawusobanukirwa kandi bakawusobanurira n'abandi.

Ibiganiro byo muri aya mahugurwa byibanze **"ku miterere, imikorere, inshingano, ibyagezweho n'ibiteganyijwe kugerwaho na PAM Rwanda";** cyatanzwe na Bwana **TWAGIRIMANA Epimaque/Umuyobozi wungirije** wa **PAM Rwanda.**

Mu kiganiro cye, Bwana **TWAGIRIMANA Epimaque**, yagarutse ku butwari bw'abanyafurika barwanyaga ubukoloni no kwanga ko ibihugu byabo byakwigarurirwa n'ibihugu by'i Burayi barimo MENNELIK II umwami wa Etiyopiya watsinze abataliyani ntibakolonizwa, Mansa Musa wategetse ubwami bw'abami bwa Mali, SONNI



ALI wategetse ubwami bw'abami bwa Songhai, SHAKA ZULU wategetse ubwami bw'aba Zulu n'abandi. Yagarutse no ku mateka y'umuryango Pan African Movement (PAM) watangiriye mu Bwongereza mu mwaka wa 1900 hagamijwe kwigobotora akarengane n'ihohoterwa byakorerwaga abirabura hirya no hino ku isi, cyane cyane abakomoka muri Afurika. Ako karengane kagaragariye mu icuruzwa ry'abirabura (slave trade), ubukoloni (colonization and colonialism) n'ubusahuzi byakorewe Afurika, Umunyafurika ateshwa agaciro bishingiye cyane cyane ku ivangura rishingiye ku ibara ry'uruhu.

PAM yashinzwe n'abanyafurika bari bamaze kwiga no gusobanukirwa n'imikorere ya mpatsibihugu, bafashwa n'abazungu bakeya barwanyaga akarengane kakorerwaga abirabura. PAM yageze muri Afurika mu nkubiri y'ubwigenge nyuma y'intambara ya 2 y'Isi inagira uruhare mu guhirimbanira ubwigenge bw'ibihugu by'Afurika nka; Ghana (muri Werurwe, 1957), Guinea Conakry (mu Ukwakira 1958), Senegal (muri Mata, 1960), Congo Kinshasa (muri Kamena, 1960) n'ibindi.

Panafrican Movement (PAM) Rwanda yashinzwe muri 2015 mu rwego rwo gushyigikira intego, amahitamo n'icyerekezo abanyarwanda bayobowemo na Perezida Paul KAGAME. Igamije kugira u Rwanda rufite Agaciro, rukungahaye, rutekanye, ruyobowe n'abenegihugu bose bagamije Agaciro n'iterambere bya Afrika, kandi bafite ijambo mu rubuga mpuzamahanga nk'Abanyafurika.

Bwana **TWAGIRIMANA Epimaque** yakomeje asobanura inshingano, intego, Indangagaciro ndetse n'ibikorwa bya PAM RWANDA. Yagarutse kandi ku nzitizi zikigaragara twavugamo nko kuba ubucuruzi (ubuhahiranire) hagati y'ibihugu bya Afurika bukiri hasi, bubangamiwe n'imikorere ya mpatsibihugu; ingengabitekerezo ya Jenoside; ivangura n'amacakubiri mu karere, Amakimbirane atarangira muri Afurika.

Mu gusoza ikiganiro cye, Bwana **TWAGIRIMANA Epimaque,** Yasabye abagize Komisiyo y'Imitwe ya Politiki muri PAM RWANDA, gukangurira Abanyarwanda kumenya no kwigisha amahame n'indangagaciro bya Pan Africanism mu nzego zose, ari mu bigo bya Leta n'iby'abikorera kugeza mu nzego z'ibanze. Guhindura imitekerereze n' ibitekerezo byagenderaga ku byifuzo by'abakoloni hamwe no guhanira kugera ku ntego z'icyerekezo cya Africa yunze ubumwe (Agenda 2063).

Ikindi ni uguhugura buri gihe abanyafurika kugira ngo babe umusemburo w'iterambere mu bihugu byabo, no guteza imbere imiyoborere myiza bigamije kubaka umunyafurika nyawe ufite ubumenyi n'ubushobozi bwo kwishakamo ibisubizo. ■

Published: 08-March-2023